# IMIHIGO Y'UMUJYI WA KIGALI MU MWAKA W'2007

## INTERURO

Gahunda y'ibikorwa by'Umujyi wa Kigali mu mwaka wa 2007 (Kigali City Council Activity Plan-Roadmap-2007), nk'uko igaragara ku mugereka w'iyi nyandiko, yerekana ibikorwa by'ingenzi bizagerwaho mu mwaka wa 2007 tugiye gutangira.

Nk'uko itegeko rigena imiterere, imitunganyirize n'imikorere y'Umujyi wa Kigali ribiteganya, Umujyi wa Kigali uhuza kandi ugakurikirana ibikorwa by'igenamigambi n'amajyambere by'Uturere tuwugize. Byongeye Umujyi wa Kigali utanga serivisi zidatangirwa mu zindi nzego zawo zikubiye mu ngingo zikurikira :

- **Ibikorwa remezo** : Guhanga no gusana imihanda, amasoko, amashuri n'amavuriro bihuza uturere, kwita ku busitani n'imbuga zitoshye, kuyobora amazi y'imvura n'ay'imyanda, kurengera ibidukikije no gukurikirana ibikorwa bya HIMO mu Turere;
- **Imyubakire** : Gutunganya igishushanyo mbonera cy'imyubakire mu Mujyi wa Kigali, no gukurikirana itangwa ry'impapuro mpamo .
- **Ubuhinzi n'ubworozi** : Gutunganya ibishanga uturere duhuriyeho, no gukangurira abaturage ubuhinzi n'ubworozi byo mu Mujyi;
- **Ubukungu n'imari** :Kumenya neza abasoreshwa, icyo bagomba Umujyi wa Kigali no gukurikirana uburyo basoreshwa ;
- **Imiyoborere myiza n'imibereho myiza y'abaturage** : Gukurikirana imikorere y'inzego z'ubuyobozi mu Turere no mu Mirenge, gukemura ibibazo by'abaturage, kurwanya ruswa n'akarengane, inkiko gacaca, umuganda, kwita ku batishoboye, uburezi, ubuzima, siporo, abagore, urubyiruko n'umuco;
- **Igenzura rusange**: Kugenzura inyubako, ibikorwa remezo, ubuzima, isuku n'umurimo ;

- **Ikoranabuhanga n'Itumanaho** : Kumenyekanisha ibikorwa n'ubwiza bw'Umujyi wa Kigali hakoreshejwe Internet (Website) no gukoresha ikoranabuhanga rigezweho mu kazi ka buri munsi mu rwego rwo gutanga serivisi nziza kandi yihuse.
- **Ubutwererane** : Kunoza umubano n'Imijyi n'imiryango ifitanye amasezerano y'ubufatanye n'Umujyi wa Kigali no gukurikirana inzego iyo Mijyi yiyemeje gufashamo Umujyi wa Kigali no gukurikirana ibijyanye n'ubutwererane mu Turere;
- **Umutekano** : Kubungabunga umutekano w'abantu n'ibintu.

Ni muri urwo rwego Umujyi wa Kigali wongera gushimangira ko hamwe n'imirimo ufiteho umwihariko, uzakurikirana kandi ugahuza ibikorwa byose bikorerwa mu Turere tuwugize nk'uko nabyo bikubiye mu mbonerahamwe ya gahunda z'ibikorwa byatwo.

Iyi gahunda y'ibikorwa iragaragaza aho igikorwa gihera, intego, ibipimo ngenderwaho, igihe kizarangirira, ugikurikirana, ibizakenerwa n'aho bizaturuka, n'uburyo bwo kukigenzura.

Ibikubiye muri iyi mihigo bigize amasezerano yo gutunganya imirimo, Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali, Madamu **Dr Aisa KIRABO KACYIRA** yiyemeje imbere ya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika **Paul KAGAME**.

Bikorewe i Kigali, kuwa 20 Ukuboza 2006

**Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali**
**Dr Aisa KIRABO KACYIRA**

# INCAMAKE

## I. IRIBURIRO

Intera u Rwanda muri rusange n'Umujyi wa Kigali bigezeho, irangwa n'ubwisanzure busesuye muri demokarasi, aho abaturage aribo bihitiramo ubuyobozi bubabereye, kandi bakagira uruhare mu bikorwa byose byerekeranye n'iterambere rusange.

Igihe tugezemo na none ni ngombwa ko ubufatanye hagati ya Leta n'abikorera ku giti cyabo bwashimangirwa, hagamijwe kugera kw'iterambere rirambye no guhangana mu ikusanyabukungu rirangwa n'ubuhahirane butagira imipaka.

Dushingiye ku cyerekezo 2020 u Rwanda rwiyemeje, Umujyi wa Kigali wiyemeje :

- Ubufatanye hagati ya Leta, abikorera ku giti cyabo n'izindi nzego
- Gushishikariza abatuye Umujyi kugira uruhare mu iterambera ry'Umujyi no kuryibonamo
- Kubaka Umujyi ujyanye n'ibihe tugezemo no kugira uruhare rugaragara mu ikusanyabukungu n'ubuhahirane mpuzamahanga;
- Kugira igenamigambi rirambye ;
- Guteza imbere ubukungu binyuze mu guhanga imirimo no guteza imbere ikoranabuhanga, serivisi zinoze kandi zihuse.

## II. UKO UMUJYI WA KIGALI WAGIYE WAGUKA

| Umwaka | Ubuso | Umubare w'Abaturage |
|---|---|---|
| 1907 | 0.08 $Km^2$ | 357 |
| 1945 | 2.50 $Km^2$ | 6 000 |
| 1991 | 112 $Km^2$ | 140 000 |
| 1996 | 112 $Km^2$ | 358 200 |
| 2001 | 314 $Km^2$ | 605 000 |
| 2006 | 730 $Km^2$ | 870 127 |

Nkuko bigaragara muri iyi mbonerahamwe, ubwiyongere bw'abaturage mu myaka ijana ishize bungana n'umubare wa 1 192 batuye kuri Km2 imwe ugereranyije n'umubare wa 444 bari batuye kuri Km2 imwe mu mwaka wa 1907.

Ibikorwa remezo byo ntibyigeze bijyana n'ubwiyongere bw'abaturage n'ubuso bw'imbago z'Umujyi wa Kigali.

Ku bw'umwihariko, mu ivugurura ryabaye mu ntangiriro z'umwaka wa 2006, ubuso bwikubye 2 karenga ugereranije n'ubuso bwa 2005.

## III. IBIBAZO BY'INGUTU MU MUJYI WA KIGALI

### III.1 Mu rwego rwa politiki, umutekano n'ubutabera

- Politiki yo kwegereza ubuyobozi n'ubushobozi abaturage ishimwa muri rusange n'abaturage.
- Kwitabira gahunda za Leta biracyari hasi cyane cyane ibikorwa rusange nk'umuganda na gacaca.
- Ubujura, ibiyobyabwenge, ihohoterwa rikorerwa abagore n'abana biracyugarije abaturage b'Umujyi wa Kigali.

### III. 2 Mu rwego rw'ubukungu n'iterambere

- Kutagira igishushanyombonera bibangamira igenamigambi ry'Umujyi mu miturire na serivisi zose zigendana nayo ;
- Ibikorwa remezo bidahuye n'umubare w'abaturage harimo : imihanda no gutwara abantu n'ibintu, amasoko, amashanyarazi, amazi, itumanaho, hoteli n'imyanya yo kwidagadura ni imbogamizi zidindiza iterambere ;
- Ubucuruzi ahanini bugikorera muri «Informal sector » no mu kajagari n'abasoreshwa batazwi;
- Abaturage benshi batagira akazi ;
- Kutagira umuco wo kubaha umurimo no kuwunoza ;
- Kutihaza mu biribwa no kutagira inganda zihaza isoko ry'abatuye Umujyi wa Kigali.
- Ikibazo cy'amazi n'ingufu.

### III. 3 Mu wego rw'imibereho myiza y'abaturage

- Umubare w'abana barenze 65 mu cyumba kimwe cy'ishuli mu mashuli abanza ;
- Umubare w'inzererezi ukomeza kwiyongera ;
- Umubare w'ibitanda ukiri mukeya mu bitaro tugereranije n'umubare w'abarwayi ;
- Abatishoboye harimo impfubyi, abapfakazi n'abafite ubumuga, abasheshe akanguhe, abacitse ku icumu batishoboye;
- Indwara z'ibyorezo ziganjemo SIDA na malariya ;
- Abacitse kw'icumu batishoboye harimo n'abanduye indwara z'ibyorezo.

### III.4. Ibidukikije

- Isuri iterwa n'imiterere kamere y'Umujyi wubatse ku misozi miremire hiyongereyeho n'akajagari mu gusarura amashyamba hatubahirijwe amategeko ;
- Isuku nkeya iterwa ahanini n'akajagari mu myubakire n'imiturire idafite gahunda ;
- Gucunga nabi ubutaka n'amazi y'imvura ;
- Ibishingwe byo mu ngo, ahakorerwa akazi n'inganda, amasashe, ibyuma n'ibindi ;
- Ibikorwa remezo byubatswe hadateganijwe imiyoboro y'amazi.

## IV. INGAMBA ZIGAMIJE ITERAMBERE RY'UMUJYI WA KIGALI

### IV.1 Mu rwego rwa politiki, umutekano n'ubutabera

- Gushishikariza abaturage kwitabira no kugira uruhare mu nama Njyanama ku nzego zose;
- Gukurikirana ishishikarizwa ry'abaturage mu ishyirwa mu bikorwa rya politiki n'amabwiriza cyane cyane areba ibidukikije, imiturire, imbonezamubano, umuganda, inkiko gacaca, abunzi twifashishije societe civile harimo itangazamakuru;
- Gukurikirana iyubakwa ry'ibiro by'imirenge 6/7
- Abayobozi bazakorerwa isuzumamikorere ku gihe nibura rimwe mu mwaka ;
- Hazakorwa nibura inama imwe buri kwezi izahuza ubuyobozi bw'Umujyi n'abaturage mu Mirenge ;
- Abaturage bazitabira gacaca kuri 90% ;
- Abaturage bitabira umuganda kuri 90% ;
- Gukurikirana ibikorwa by'Uturere muri ibi bikurikira:
    - Tuzashishikariza urubyiruko kwitabira siporo zinyuranye

- Gutoza urubyiruko umuco nyarwanda, guhanga, kubyina, gusiga no kuririmba ;
- Gutangariza abaturage uko gahunda iteganijwe n'uko yagezweho mu rwego rwo gukorera mu mucyo mu micungire y'umutungo wa rubanda.
- Gushishikariza abaturage ishyirwa mu bikorwa rya politike n'amabwiriza cyane cyane areba kurengera ibidukikije umuryango, inkiko gacaca, abunzi, twifashishije société civil harimo itangazamakuru ;
- Gutunganya inzibutso za Genocide no gushishikariza abaturage guhashya ingengabitekerezo ya Genoside
- Kurwanya ibikorwa bihungabanya umutekano birimo ubujura, ibiyobyabwenge, ubugizi bwa nabi, n'iyerekanwa ry'amafirime atesha agaciro umuco cyane cyane ku rubyiruko.

**IV.2 Mu rwego rw'imibereho myiza y'abaturage**

- Kurangiza kubaka ikigo nderabuzima cy'Akumunigo n'inzu y'ababyeyi ya Busanza hagamijwe kwegereza abaturage ubuvuzi bw'ibanze ;
- Ubwisungane mu kwivuza bugomba kwitabirwa nibura na 60 % by'abaturage bivuye kuri 35%;
- Gukora ibarura rya za hoteli na resitora zose n'igenzura ry'isuku 100% yazo ;
- Gukurikirana ishishikarizwa ry'abaturage mu gukoresha inzitiramibu no kwirinda icyorezo cya SIDA n'indwara ziterwa n'isuku nke;
- Kongera umubare w'ibyumba by'amashuri mu mashuri abanza;
- Gukoresha igenzura ry'imyigishirize mu mashuri abanza n'ayisumbuye ;
- Gukurikirana ishyirwaho n'imikorere y'ibigega by'uburezi ;
- Guteza imbere ikoranabuhanga mu mashuri ;
- Gutoza urubyiruko gahunda zo gukoresha itumanaho binyuze mu kigo « We are the future » ku Kimisagara;
- Kongera ubushobozi bwa komite y'inama y'igihugu y'abagore n'inzego z'urubyiruko;

- Gukurikirana ibarura ry'abatishoboye no kwita ku mibereho y'ibyiciro byabo;

### IV.3 Mu rwego rw'ubukungu n'iterambere

#### 1. Imitunganyirize y'Umujyi n'imiturire

- Kugira no kugaragaza igishushanyo mbonera cyemejwe ku rwego rwa Njyanama y'Umujyi wa Kigali;
- Kumenyekanisha politike, amategeko n'amabwiriza agenga imiturire n'imitunganyirize y'Umujyi n'imicungire y'ubutaka;
- Kwinjiza muri mudasobwa amadosiye yose abitswe mu Mujyi;
- Kugeza mu Turere amadosiye yose y'ibibanza ari mu bubiko bw'Umujyi wa Kigali ;
- Serivisi zose zisabwa ku mpapurompamo zigomba kubona ibisubizo biboneye bitarenze ibyumweru bibiri (2) ;
- Kubaka ubushobozi bw'inzego zishinzwe imitunganyirize n'imiturire mu Turere tugize Umujyi wa Kigali ;
- Gushishikariza abikorera ku giti cyabo gushora imari mu myubakire ya kijyambere.

#### 2. Ibikorwa remezo

- Kubaka umuhanda wa kabulimbo 90% (Kinamba-Memoriale-FAWE-Kagugu) ufite "Trottoire" na "canalisation" (uburebure: 8.3Km, Ubugari; 6m)
- Kubaka umuhanda wa kabulimbo 90% (GIPOROSO-Kabeza) ufite "Trottoire" na "canalisation" (uburebure: 5.5Km, Ubugari; 6m)
- Kubaka Umuhanda wa ka bulimbo (AIRPORT-KANOMBE) ufite trottoire na canalisation, uburebure: 4.1 km, ubugali: 10 m
- Umuhanda wa ka bulimbo ( OBK- MAMANS SPORTIVES ) ufite trottoir na canalisation, uburebure: 1 km, ubugali: 9 m

- Umuhanda wa ka bulimbo (OBK- MAMANS SPORTIVES) ufite trottoir na canalisation, uburebure: 1 km, ubugali: 9 m
- KubakaUmuhanda wa ka bulimbo (Av. De la Justice-NYAMIRAMBO)ufite trottoir na canalisation, uburebure: 6,6km, ubugali: 11 m
- Kubaka Umuhanda wa ka bulimbo (RIEPA-PRIMATURE-MOD) ufite trottoir na canalisation, uburebure: 2.2km, ubugali: 10 m
- kubaka Umuhanda wa ka bulimbo (RPMIN-KINAMBA) ufite trottoir na canalisation, uburebure: 2.5km, ubugali: 8 m
- Umuhanda wa ka bulimbo (NOVOTEL-KING FAYSAL HOSPITAL) ufite trottoir na canalisation, uburebure:0.9km, ubugali:8 m
- Gusana imihanda ya kaburimbo (Ibinogo)
- Kubaka inzira z'abanyamaguru ku mihanda ifite uburebure bwa km 10
- Kuvugurura imiturire hubakwa amazu  acirirtse 500 muri site ya Batsinda
- Kubaka Gare ya kijyambere  ya Kimironko
- Gusana  amatara ayobora ibinyabiziga ku mihanda ya kaburimbo minini
- Kubaka ubwugamo (abris bus/ bus shelters) aho bategera taxi hose
- Gukora igishushanyo mbonera cy'ibikorwa bitandukanye byo kubungabunga ibidukikije
- Kubaka ubwugamo(abris bus/ bus shelters) aho bategera taxi hose

## 4. Ubuhinzi n’ubworozi

- Gukangurira abikorera ku giti cyabo ibikorwa bigamije gutunganya ibikomoka ku buhinzi n’ubworozi ;
- Gukurikirana ishishikariza ry’abaturage ku ishyirwa mu bikorwa ry’ubuhinzi n’ubworozi biberanye n’Umujyi :
    - Guhinga ibihumyo ;
    - Gutera ibiti by’imbuto ;
    - Guteza imbere ubuhinzi bw’indabo
- Guteza imbere ingamba zitunganya ibikomoka k’ubuhinzi n’ubworozi mu buryo bunoze;

- Gutunganya igishanga cya Kajevuba;

**5. Ubukungu muri rusange**

- Gushishikariza abikorera ku giti cyabo gushora imari mu bikorwa by'iterambere n'ubukerarugendo
- Gukurikirana itozwa ry'abaturage umuco wo kuzigama.

**IV.4. Ibidukikije**

- Guhugura no gukangurira ibigo bya Leta n'abikorera ku giti cyabo itegeko ryo kurengera ibidukikije ;
- Gutunganya nibura imbuga 10 zitoshye ;
- Guteza imbere isuku yo mu ngo no kubyaza umusaruro imyanda iturukamo ku rwego rw'Imirenge n'Utugari ;
- Kongerera ubushobozi amashyirahamwe ashinzwe isuku;
- Kongera isuku ku mihanda;
- Kuvugurura imicungire y'ikimpoteri cy'i Nyanza ;
- Gukurikirana iyubakwa ry'ubwiherero rusange ahantu hahurira abantu benshi;
- Gukurikirana ishyirwaho rya poubelles publiques mu Mujyi rwagati ;

**IV.5 Umutungo w'Umujyi wa Kigali**

- Kwongerera abakozi ubushobozi
- Kugira imicungire myiza y'imari n'ibikoresho hubahirizwa amabwiriza n'amategeko y'ibaruramari n'imicungire y'umutungo;
- Gukoresha ibarura rusange kugera ku rwego rwa 100% by'abasoreshwa mu Mujyi wa Kigali ;
- Kugira abakozi batanga serivisi nziza ku baturage mu nzego zose z'imirimo ;
- Kugenzura iyubahirizwa ry'amategeko n'amabwiriza y'imicungire y'imari n' umutungo ;

- Gushishikariza abikorera ku giti cyabo gushora imali mu bikorwa by'ubukerarugendo no kunoza serivisi mu buryo buhesha isura nziza Umujyi n'igihugu cyacu ;

**IV.6 Ikoranabuhanga n'itumanaho**

- 100% by'abakozi bazahabwa ibikoresho by'ikoranabuhanga n'itumanaho kuri network bose bafite na connection ya Internet ;
- 100% by'abakozi bazaba bafite uburyo buhendutse bw'itumanaho ;
- Amakuru yose yerekeranye na gahunda z'Umujyi wa Kigali azajya ashyirwa kuri website mu gihe kitarenze icyumweru ;

Byongeye Umujyi wa Kigali uzakurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Uturere tuwugize. Uzakurikirana kandi itegurwa rya gahunda y'iterambere ry'ubukungu no kurwanya ubukene (EDPRS). Muri uyu mwaka Umujyi uzategura igenamigambi rya 2008.

**V. UMWANZURO**

Iyi gahunda ni ndende, kandi ifite n'uburemere bungana n'inshingano twahawe n'abaturage batugiriye icyizere, bakadutorera umwanya wo kuyobora Umujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru w'Igihugu cyacu.

Imbaraga, ubuhanga n'ubushobozi bwo kugera ku ntego twiyemeje, tubikesha ubufatanye n'inzego zitandukanye za Leta n'abikorera ku giti cyabo hamwe n'abaturage aribo ba nyir'ibikorwa.

Turizera ko mu bufatanye tuzabigeraho.